**REPUBLIC OF RWANDA**

**RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)**
Plot N°.2, KN 3 AV
10th FLOOR, GRAND PENSION PLAZA
P. O .Box: 4276 KIGALI/RWANDA
Tel: +250786582957
E-mail: rppa@rwanda1.rw

21 Aug 2015

Kigali on

**010/2015/2016-230/RPPA**

**Umugenga w'Ingengo y'Imari (bose),**
**.....**

**Impamvu : Kwemerera sosiyete nshya gupiganira amasoko ya Leta zitari ku rutonde rw'abashyizwe mu byiciro**

Mu rwego rwo guha amahirwe abashoramari bashya na ba rwiyemezamirimo bafite amasosiyete akora imirimo y'ubwubatsi yafunguwe nyuma y'igihe cyari kigenewe kwakira abasabaga gushyirwa mu byiciro by'umwaka wa 2015/2016,

Haseguriwe ibiteganywa n'amabwiriza yo ku wa 07/07/2015 asaba inzego zitanga amasoko kubahiriza ibikubiye mu nyandiko igenga itangwa n'ikoreshwa ry'ibyiciro n'urutonde rw'amasosiyete yashyizwe mu byiciro ruboneka ku rubuga www.rppa.gov.rw ahavuga ko sosiyete idafite icyiciro ibarizwamo itemerewe gupinanira amasoko ya Leta,

Turamenyesha inzego zitanga amasoko ya Leta ko amasosiyete yose akora imirimo y'ubwubatsi afite ibyemezo bigaragaza ko yandikishijwe muri RDB **nyuma yo ku wa 13 Gashyantare 2015 yemerewe gupiganira amasoko yo mu cyiciro cya E mu mirimo yo kubaka ibidamu «construction of dams» na F mu yindi mirimo irebwa n'ibyiciro byatangajwe, bitabaye ngombwa ko aba ari ku rutonde.**

Ibi bigomba kubahirizwa guhera umunsi iyi nyandiko ishyiriweho umukono kugeza ku wa 30 Kamena 2016, ubwo hazasohoka urutonde ruzagenderwaho mu mwaka wa 2016/2017. Nyuma y'icyo gihe, sosiyete tumaze kuvuga, izaba itarashyirwa mu cyiciro izatakaza uburenganzira bwo gupiganira amasoko ya Leta.

**SEMINEGA Augustus**
**Umuyobozi Mukuru wa RPPA**